
Ubwimukira
n'uburenganzira
bwo kwitabwaho



Iyavuye mu bushakashatsi bwakozwe hejuru yubwimukira no kwitabwaho

Ikigo cyo kwita ku bantu, Kaminuza ya Sheffield
Tariki ubushakashatsi bwashohoye: Mukwa gatandatu 2025
Abanditsi: Jayanthi T. Lingham hamwe na Majella Kilkey

Igicye cyambere: Ibijyanye n'ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwize hejuru yinararibonye mukwitabwaho n'ibikenewe kubantu bakuze bafite amateka y'ubwimukira mpuzamahanga (bafite imyaka 50 kuzamura) batuye Sheffield, UK, ndetse n'inraribonye ry'abantu babafasha mukubita. Dusobanura kwitabwaho muburyo bwagutse — bitari gusa serivisi zemewe, ahubwo ubufasha bwose buteza imbere imibereho myiza mubuzima bwaburi muni.

Abantu bakuze akenshi dukunze 'kubavugira', aho kugirango tubareke bagire uruhare mubiganiro bijyanye nokwitabwaho. Ahubwo akenshi ibiganiro bijyaye nubwimukira byibanda cyane kubimukira bakiri bato. Ibikorwa byacyu bikemura iki kibazo mugushira imbere amajwi y'abimukira bakuze ndetse nokunva uburyo ki amateka yabo nubwimukira ashobora kugira ingaruka kuburyo bitabwaho nibyo bakeneye, harimo nubureganzira bwabo bwokwitabwaho neza.

Intego y'ubushakashatsi

Gusobanukirwa

ubufasha bukenewe ku bimukira bakuze, inraribonye ndetse nimibanire, n'uburyo ki nubwimukira bubigiraho ingaruka.

Kumenya muburyo bwimbitse

ubusumbane buri mukubona ubufasha ku bantu bakuze, uburyo isaranganwa ryubufasha rigira ingaruka kumibereho myiza y'abimukira muri UK.

Ibigomba guhinduka

muri serivisi ndetse n'amategeko mukurushaho gutanga ubufasha bukwiriye kubimukira bakuze ndetse n'ababafasha.

Uko twakoze ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwakozwe mu bufatanye n'amashirahamwe abiri y'abaturage ariyo (SADACCA na Stand As One) bukorwa hagati yo Mukwagatanu mu mwaka wo mu 2023 kugeza mukwa munani wo mu mwaka wa 2024. Ibibugize:

- **Ibiganiro mumatsinda** hamwe n'abimukira 11 bakuze, byiganjemo kubazwa ibibazo byinshi, hamwe nibikorwa byoguhanga.
- **Ibiganiro 23 bibaza ibibazo** kubantu bafasha abimukira bakuze, yaba ari ababikora bishyurwa cyangwa abakoranabushake.
- **Ibiganiro 54** nibyo byakozwe muri rusange, byakozwe mururimi rw'abitabiriye hakoreshejwe abasobanuzi.

Amakuru yose yatanze hadakoreshejwe amazina yabanyiri bwite - ikintu cyose gishobora kuranga abitabiriye yakuwemo.



Abagize uruhare mu bushakashatsi

Twakoranye n'amatsida abiri afite uburyo bwo kwimuka butandukanye:

- **'Abimukira'**, baje muri UK mubinyacumi nyuma y'intambara ya II y'isi, bavuye mu birwa bya Caraibes n'ibihugu byo muri Africa byahoze bikorononizwa n'ubwongereza. Ibo cyangwa ababyeyi babo baje kwinjizwa mu bakozi bari bakenewe. Iri tsinda turisangamo abantu bazwi nk'igisekuruza cya "Windrush".
- **'Impunzi'**, zaje muri UK ziturutse muri Africa y'iburasirazuba zahunze intambara n'amakimbirane. Bahageze muri gahunda yiswe Gateway Protection Programme, gahunda y'ubuyobozi bwa UK yo kongera gutuza impunzi hagati y'imyaka (2004-2020). Bose bafite uburenganzira buhoraho bwo gutura muri UK, n'uburenganzira bwo gusaba ubwenegihugu bw'ubwongereza.

Nubwo dukoresha ubusobanuro 'abimukira baje kubw'impanvu z'akazi hamwe n'impunzi' kuri aya matsinda abiri muri iyi raporo, tuzirikana ko uku gushira mu byiciro kwagutse bishobora guhisha ibintu byinshi bigoye gusobanukirwa mu mibereho y'abantu.

Ibitekerezo bimeze kimwe ndetse n'amategeko bibekenewe guhinduka biri mumatsinda yombi, hamwe n'ibitekerezo byihariye kuri buri tsinda.

Igice cya 2: Ibyavuye mu bushakashatsi rusange

Imibanire hagati y'abitabwaho n'ababitaho ndetse nibikenerwa biri kwisi hose

Kwitabwaho birimo n'imiryango itandukanye hirya no hino kwisi, nubwo abantu baba barabaye muri UK imyaka myinshi.

Amateka y'ubwimukira nibyo abimukira banyuzemo bigira ingaruka mu kwitabwaho kwa none

Hiyongereyeho, gahunda mbi y'bwongereza mu gutuza abimukira igira ingaruka zikabije ku mibereho myiza, kandi yongera ibibazo by'umuzima n'ibyo abimukira bakeneye mu kwitabwaho.

Kwitabwaho neza

Ni umubano wagutse kandi urimo ibirenze umubano hagati y'abantu babiri, uwitabwaho nutanga ubufasha.

Guhuza gahunda z'ubuzima n'imibanire

Ni ngombwa cyane, ariko nizindi serivisi, byumwihariko z'imiturire nazo zifite akamaro - zidahari kwitabwaho bikba bikeneye kwongerwa.

Ivangururu rimaze igihe mu bigo no muri gahunda za leta

Ryangiza ubuzima n'imibereho myiza y'amoko mato y'abimukira muri UK, bikagira ingaruka mubyo bazakenera mu kwitabwaho mu buzima bwabo bwejo hazaza.

Guhezwa mu bukugu byongera ibibazo bijyaye nubuzima detse n'ibisabwa mu kwitabwaho

Ikibazo cyikiguzi cy'ubuzima, ubusumbane mu bukugu, n'ubushobozi buhambaye busabwa n'ibiro bishinzwe abimukira n'impunzi, ibyo byose bigira ingaruka ku mibereho myiza y'abimukira bakuze.

Igice cya 3: Itsinda ry'abimukira - Ibitekerezo byihariye

Kwitabwaho mu rwego rw'isi

Haracyari ibibazo mu "kwitabwaho" kwisi hose, bishobora gutuma kwitabwaho birushaho kugorana kurusha kwitabwaho kubafite imiryango yabo yose iherereye muri UK gusa. Abimukira bakuze basize abana babo mu bihugu baturukamo bashobora gukenera ubufasha bwabo none, ariko bagahura n'amategeko ababangamiye y'ubusabe bwa visa kugirango babazane muri UK, niyo byaba ari ugusurana by'igihe gito. Hamwe n'ibisekuruza byinshi ubu biri gusaza, abimukira bakuze bari muri UK baba bari kwita kubandi bagize umuryango wabo bakuze basubiye "iwabo".

Amateka y'ubwimukira n'ibyo abimukira banyuzemo

Umutungo rusange n'imbaraga byubatswe mu myaka ishize batuye muri UK (kandi ibyo banyuzemo bituma habaho gushyira hamwe nabimukira baje vuba bavuye ahantu hatandukanye).

Noneho, abantu baje muri UK mu myaka myinshi ishize muri gahunda yabakozi bari bakenewe nyuma y'intambara bashobora gukenera kwitabwaho kurushaho none. Akenshi wasangaga bakora imirino ivunanye, isaba imbaraga z'umubiri kandi ishobora kubateza ibibazo mu bwongereza nyuma y'intambara, icyarimwe babaga banahura n'ivangururu ndetse banarera imiryango yabo nta bufasha bwagutse bafite.

Yaba igisekuruza cyiswe "Windrush generation" n'abana babo, akenshi bavukiye muri UK, ubu barakuze, kandi bakeneye kwitabwaho nk'abantu bakuze. Benshi baracyagirwaho ingaruka n'ibibazo bitakemurwa bituruka mu kaga kiswe aka "Windrush", byangiza ubuzima bwabo n'imibereho myiza.

Abandi hirya y'itsinda rya "Windrush", harimo abakozi bashinzwe ubuzima bw'abimukira, babangamiwe na gahunda mbi y'abimukira ya leta ya UK, harimo ingaruka zo gukomeza no guhindagura amabwiriza yimitangire ya visa, gutinda mu gutanga serivisi, ndetse n'ubusumbane mu burenganzira bw'abakozi.

"Umuyobozi wa Home Office mubyukuri yashatse gusenya ubuzima. Abantu nkanjye n'umuryango wanjye. Bakoresha abantu, barangiza bakabajugunya nk'amazi yanduye. Nyamara aba ari abantu barimo gukora, bubaka ugihugu, bubaka aho mutwe. Ubuzima bwacu bwo mu mutwe, n'ubwabandi bantu benshi badukikije, ubuzima bwabo bwo mu mutwe barabwagije."

Esther, umutangabuhamya witabiriye

"Kimwe bu byabaye nuko, Data yagize igikomere cyaturutse mugukora mu ruganda, mbere y'amategeko arengera ubuzima n'ubusugire bw'abakozi. Mu ruganda rukora ibyuma. icyo gihe hari mu myaka ya 1970. Byaraduhungabanyije cyane cyane. Kubwamahirwe, yarakize. Ariko kuvubwo birunvikana ko abaho atabasha kugenda neza.."

Mina, umutangabuhamya witabiriye

**OLDER
GENERATION**

NOT CONFIDENT
to ASK = for WHAT they NEED
DUE TO

**WINDRUSH
SCANDAL**




Kwitabwaho neza

Harimo kuba Wabasha “kwiytaho”, nko kwigaburira no kwishima, ariko kandi no kubaho mu ivangururu riri hano hanze.

“Birenze guhabwa imiti. Kimwe mu bintu binfasha nje n’umuryango wanjye ni isomero ritwegereye. Uriga, ubona ibitabo ako kanya. Kandi ubona ko wakiriwe, ufite agaciro. Ntabwo uvangurwa.”

Esther, umutangabuhamya witabiriye

Hakubiyemo kandi no kumenya, gutanga ibikenewe, itandukaniro muri serivisi zita kubantu bakuze, cyane cyane ibijyanye n’ibiryo n’imirire, no kwiytaho (Gutunganya imisatsi n’ibikoresho byo kwita ku ruhu).



“Abantu bafite ibyo bakeneye bitandukanye, kandi bikenewe gukemurwa mu buryo butandukanye. Abakiriya bacu, ntibarya ibiryo bivuye muri microwave, ibiryo bitatetswe. Barya ibiryo bitetse, kandi ibyo bikenewe kuba muri gahunda yo kubitaho. Bagiyey barya gutya ubuzima bwabo bwose, dukwiriye kwubaha ko ubwo aribwo buryo babaho. Ntabwo rero bahinduka kuko ngo bakeneye kwitabwaho none.”

Umutangabufasha w’aho batuye uturuka munzego zibanze

Gahunda z’ubuzima n’imibanire

Zikenewe guhuzwa zikarenga umuntu kugiti cye. Ibikenewe mu kwitabwaho ku bimukira bakuze ntibitandukanye n’ibyo abato n’imiryango yabo rusange ikenera. Hari ibibazo bimaze ibisekuru ku gisekuru cyiswe “Windrush” n’ababakomotseho, kubisekuru byakera kwita kubyo bashaka n’ibyo bakeneye, naho kubisekuruza bito inzitizi mu bukungu ndetse n’igihe.



“Serivisi zishinzwe imibereho, inyungu zabo ziri kuba kiriya babo, siko biri? Ntabwo ari rusange. Serivisi zishinzwe imibereho, igihe cyose umukiriya wabo yitaweho-akazi kaba karangiye. Ariko ingaruka bigira kuwitabwaho, ntabwo ntegereza mubyukuri ko babyitayeho cyane.”

Adeline, umutangabuhamya witabiriye

Ivangururu

Nubwo abitabiriye bahamyako mummya mirongo ishize ibintu byari bibi cyane, biragaragara ko ivangururu rikiriho nanubu, muburyo ibintu bikorwa, mubigo bitandukanye, ndetse no mumikorere yaburi munsu, muri gahunda zitanga ubuvuzi nimibereho myiza.

“Igihe kimwe, yari [Mabukwe] mugitanda, narimo mwitaho, abaforomo babiri, abaforomo bakuru, barinjiye babwira mabukwe, “Ese ubwo burwayi wabuvanye he?” Bamuvugisha nkaho yari indaya cyangwa umunywarumogi. Ntibigeze banmwubaha habe nagato.”

Uwita ku muntu murugo

“Oh yego yego. Muri iki gihugu, ivangururu riri hose, rikunda kugaragarira mu guhezwa. Ryambayeho.”

Sidney, umutangabuhamya witabiriye

ADULT SOCIAL CARE

ANTI-RACIST PROGRAMMES



Guhezwa mu bukungu

Ubusumbane mu by'ubukungu bugira ingaruka ku muryango no muburyo bashobora kwiyitaho. Kugabanya inkunga iva muzengho z'ibanze kuva muri 2011 byagize ingaruka ikomeye cyane kumatsinda mato y'abantu bo muma kominote y'abirabura b'abanyafurika ndetse na Kominote y'abanyakarayibe hano muri UK, iyo nkunga yatangaga ubufasha bwihariye kandi bwuzuye. Ibi bivuzeko aya ma Kominote mubyo bakenera mukwitabwaho ubu batakiribona ubufasha bukwiriye buva muri guverinoma yinzego z'ibanze ndetse n'igihugu.

“Byerekeranye kandi numutungo ufite. Kugirango ube uri gufasha umwe mubagize umuryango wawe ukeneye kwitabwaho, ukeneye kuba ukora amasaha make cyangwa ukora gake. Nkistinda rito mugihugu kera usanga kugirango ubone ubushobozi bigusaba gukora akazi k'igihe cyose, bityo ntube uhari ngo wite kuwawe ukeneye kwitabwaho.”

Uhagarariye ishyirahamwe ryo munzego z'ibanze

FAMILY & COMMUNITY CARE

INCREASE FUNDING




Igice cya 3: Itsinda ryimpuzi - Ubushishozi bwihariye

Imibanire yo kwitabwaho kwisi yose

Abitabiriye bavugako bafashanyaga mukwitanaho aho bakomoka (Afurika y'iburasirazuba), bitandukanye nubwigunge nokwiyitaho wenyine basanze hano muri UK.

Ikindi kandi, nuko abimukira bakuze muri UK batandukanijwe n'umuryango, nk'abana bakuze, bagituye ahantu hari intambara hatanateye imbere mubukugu. Hatariho inzira zoguhuza imiryango, abimukira bakuze bagomba kohereza amafaranga yogufasha imiryango yabo. Kubitaho murubu buryo birarusha cyane mumutwe no mubushobozi.



"Igihe nageze aha, sinashoboraga no gusinzira n'ijoro. Nakomezaga gutekereza ku bana banjye nasize muri [Afrika y'iburasirazuba] badafite n'ubarera. Niyo mpanvu nubwo ndaha, inshingano zanjye nyamukuru ziguma ari ukwita kubana banjye."

Shani, umutangabuhamya witabiriye

Amateka yubwimukire hamwe n'inararibonye

Amateka maremare yokwitabwaho yabimukira bakuze (akenshi kuva mu bwana), hamwe noguhura n'ibibazo byogupfusha, kubabazwa, intambara noguhora bimuka, bigira ingaruka kumibereho yabo uyu muni, bikanabatera gukenere ubuvuzi bwihariye hakiri kare mu buzima.

Gahunda ya leta yiswe "Gateway Protection Programme" itanga ubufasha kumpunzi aho ibafasha umwaka wose mukubamenyereza. Ubu bufasha bwari ngombwa kandi bwishimiwe ariko ntabwo bwari buhagije, kandi ibikenewe mukwitabwaho biracyahari. Abantu bageze muri UK binyuze muri gahunda nshya yiswe "Vulnerable Persons Resettlement Schemes" (VPRS) ubu bahabwa ubufasha imyaka 3-5, ariko abitabiriye ntago babashije kungukira mumpinduka zaya mategeko.

Hariho uburyo busa noguhana 'mukumenyereza' impunzi muri UK, ibi birangiza, aho kugirango bifashe ubuzima. Ikigararagara nuko serivisi za DWP (Ikigo Cy'imirimu) hamwe nokwiga icyongereza (ESOL) zititaye kubantu bafite uburwayi bwigihe kirekire ndetse nabafite izindi nshingano zogufasha, nkabafasha bene wabo cyangwa abuzukuru.

Abitabiriye bifuza cyane kwiga icyongereza. Ariko, amasomo ya ESOL akoresha uburyo bwo kwigisha bwimbitse busaba ko uba uzi gusoma no kwandika. Ubu buryo ntibukwiye kubimukira bakuze, bashobora kuba bataranize namashuri abanza no mururimi rwakavukire bakaba bakeneye ubufasha mukumenya gusoma no kwandika. Aya mategeko nimikorere bigira ingaruka mbi kubuzima nimibereho myiza, ndetse ninko kubika ibizazo byo kwitabwaho byaje hazaza.



"Ndabyuka mugitondo nkajya [mu masomo ya ESOL]. Rimwe na rimwe, n'abaga ndi gukorora cyane kugeza aho narukaga munzira. Nkageraho nanirwa kuva aho ndi nkunva amaguru arimo kwanga kugenda. Ariko iyo bakwandikishije mw'ishuri, ikintu cya mbere batubwira nuko, iyo utinda ukarenza amasaha 15 mukwezi, ugomba kumenya ko wowe utazabona amafaranga ya Job Centre."

Barika, umutangabuhamya witabiriye

**"GOOD CARE =
PEACEFUL LIVING"
and CITIZENSHIP.**

Ubwenegihugu, n'umutekano bitanga, bigira ingaruka kumibereho myiza, cyane cyane kubimukira bakuze. Ariko, kugirango ubone pasiporo y'Ubwongereza, nibintu bihenze kuri benshi badashoboye kwishura. Ikindi kandi, nuko abo bemerera kudakora ikizami cyicyongereza ndetse 'nicyu'ubuzima hano muri UK' ari abantu barengeje imyaka 65; nyamara iri tsinda ryabimukira rikeneye ubufasha bwubuvuzi bwisumbuyeho mbere yiyi myaka.

Resettlement
Support needs
to be **LONGER**

and **INCLUSIVE
POLICIES**



"Aho duturuka, hari intambara zitaragira. Niyompanvu twahahunze, niyo mpanvu turi hano. Niyo mpanvu dukeneye urwandiko rwacu rw'inzira. Ndetse nigihe tuzaba dushaje cyane tutagishoboye kugira icyo dukora, tugapfa ariko tugapfana urwandiko rw'inzira rwacu rwa UK. Hanyuma tuzaba dufite ibyiringiro ko tutazasubira iwacu."

John, umutangabuhamya witabiriye



Kwitabwaho neza

Imiryango ndetse namatsida y'amashiramwe bitanga ubufasha burenze ubusanzwe butangwa bwo kwita kubantu bakuze mumibereho ya buri muni, nko gufasha abimukira bakuze batazi gukoresha mudasobwa (computer), ndetse nokubafasha mururimi nogusobanukirwa gahunda zigoye za leta. Nubwo, ubu bufasha busaba amafaranga budatangirwa ubuntu nyamara, nta nkunga ihagije bubona.

Tumara umwanya wacu wose hano muri ibi biro, mu muhanda, mubitaro, mumazu y'abantu. Ariko ntiduhemberwa imirimo turi gukora. Imiryango yishize hamwe y'abaturage niyo iba iri gukora akazi gakwiriye kuba gakorwa n'inzego zibanze, ariko ntibabihaga agaciro."

Umuryango wishirahamwe uharanira uburenganzira bw'abimukira wa 1

"Ntamuntu numwe wabasha kwita kuri mama neza nkuko namwitaho. Ariko, ubu naretse akazi kugirango mwiteho, none ntakintu nsigaranye."

Uwita ku muntu murugo


Ubufasha/ivanguraruhu muri serivisi za leta

Iri tsinda rikeneye ubufasha muri serivisi nyinshi za leta: izambere ni muganga wibanze (GP) izakabiri nikubitaro batanga ubuvuzi, na serivisi zitanga amazu, nizitanga ubufasha kubimukira. Nyamara, izi serivisi ntago zifite gukorera hamwe kandi akenshi zifata nabi impunzi, ibi bikabagiraho ingaruka yokutabona ubuvuzi bw'umubiri ndetse bigateza nizindi ngaruka mbi.



"Hari ihezwa, hariho gukekwa, hari ubusumbane. Iyi mikorere iracyahari, kandi ihezwa n'irya buri muni. Ntabwo njya mbona impinduka nimwe. Ni ivanguraruhu, yego. Ntanubwo navugako ari ubwoko. Ni uruhu."

Umuryango wishirahamwe uharanira uburenganzira bw'abimukira wa 2



"Imyaka ibiri irashize ndwaye, wunva nkaho bagusuzuguye. Ugatangira gutakaza ibyiringiro. Nubu sindabona ibisubizo bya muganga; ntabwo bansubiza. Utangira kunva nkaho bakurambiwe. Rimwa na rimwe, wunva nkaho batakigushaka aho. Abantu banzanye hano ngo banfashe ninabo banzanye hano ngo mpapfira."

Nia, umutangabuhamya witabiriye

Ibibazo by'ubukungu

Gutanga ubufasha bwokwitabwaho biragoye kwisi yose ndetse no mukarere, cyane cyane muri iki gihe kigoye cy'ikiguzi cy'ubuzima cyazamutse. Abitabiriye barashaka kwitanaho ndetse nokwiyitaho ubwaho ariko ntago bafite ubwo bushobozi bwamafaranga, ibi bigatuma amagara yabo arushaho kumera nabi, kandi bigatuma ibyo bazakenera ejo hazaza byiyongera.

"Iyo umaze kwishyura fagitire zose, wisanga ntamafaranga usigaranye. icyo nicyo kibazo nyamukuru."

Amani, umutangabuhamya witabiriye



Igice cya 4: Niki gikeneye guhinduka?

Turi guharanira uburenganzira bwo guhabwa no gutanga kwitabwaho neza.

Twifashisha imyunvire rusange yo kwitabwaho irimo gutanga serivisi zemewe n'amategako n'ibikenewe cyane mungu, abavandimwe ndetse n'imiryango ifasha abimukira, harimo n'ihereye kwisi hose. Uku gusobanukirwa kurenga ibipimo by'amategako yo kwitabwaho ya 2014, yo akubiyemo gusa inshingano z'ubuyobozi bw'inzego zibanze ku bantu bakuze bakeneye ubufasha bemerewe n'amategako, n'ababaha ubwo bufasha.

Turataga ibyifuzo bikurikira kugirango habe impinduka muri serivisi rusange n'amategako, kugirango turushaho gutanga ibikenewe mu kwita kubimukira bakuze:

Muri “Home Office” amategako abangamira kwitabwaho:

1. Kwagura igisobanuro “Cy’umuryango” bikarenga umuryango wa bugufi muri gahunda zo guhuza imiryango, bityo amategako agafasha imiryango nkuko muby’ukuri iri..
2. Gushyira imbere ubusabe bwa za visas butewe n'impanvu zo kwitabwaho.
3. Gushyiraho inzira ikwiriye yo kubona ubwenegihugu ku mpunzi: gukuraho amafaranga y'ubusabe bw'ubwenegihugu kubakuze no gutangiza ikurwaho ry'ibizamini by'ururimi rw'icyongereza n'urwo kubaho muri UK bikajya kubafite imyaka muni ya 65.
4. Gutanga ubufasha bujyanye n'ahahise h'impunzi ku mpunzi zitafashijwe muri gahunda yo kwongera gahunda yo gutuza abantu batishoboye (VPRS). Kuzana ibyateganyijwe bijyanye n'ibipimo bya gahunda iriho ya VPRS no kwimakaza imikorere myiza yahoze muri gahunda ya “Gateway Protection Programme”.
5. Guteza imbere gahunda zifasha ziri mu mategeko n'imikorere yo gutuza impunzi ziteza imbere ubuzima n'imibereho myiza, mu mwanya w'ingingo ziriho ubu zisa n'izihana zikangiza n'ubuzima bw'impunzi zikuze. Izi mpinduka zikenewe cyane cyane muri muri gahunda ya DWP (Ikigo cy'imirimu) ndetse no mu kwigisha ururimi rw'icyongereza.
6. Gushyira mubikorwa ibyifuzo by'isesengura rya raporo ya **‘Windrush Lessons Learned Review’ (2020)**, kugirango duteze imbere ubuzima n'imibereho myiza by'abagizweho ingaruka, imiryango yabo, abavandimwe ndetse n'imiryango, bagizweho ingaruka mbi..

Kwitabwaho mu muryango no mu miryango:

7. Kongera inkunga ku mashyirahamwe y'imiryango, tuzirikana yuko atanga ubufasha bw'ingenzi ku bakuze bafite abakagombye kubafasha hirya no hino kw'isi.
8. Gushyira imbere inkunga y'amafaranga ku bo mu muryango bita ku bimukira n'abatishoboye, tuzirikana ko badakunze kubona ubufasha bwo mu miryango yita kubimukira mukarere baherereyemo.



Muri serivisi z'ubuvuzi bw'ibanze nizisumbuye (Muganga rusange n'ibitaro):

9. Kwiyezeza kwita mu buryo bw'umwihariko kubimukira bakuze habaho kuzirikana ukuntu amateka yo guhunga ashobora kugira ingaruka ku buzima n'ibyo bakenera ejo hazaza hanyuma bikongerwa mubikenewe.
10. Kwiyezeza guhuza gahunda yo kwitabwaho muri NHS yose kubimukira bakuze , tuzirikana ko uburyo bw'ababafasha badahembwa budakunze kuboneka aho batuye ndetse bugoye guhuzwa.

Muri serivisi zemewe zo kwitabwaho ku bakuze (Kwitabwaho kwishyurwa mumazu yabo, mu bigo bibitaho, no mu mazu yabigenewe):

11. Kongera ubushobozi no gushakisha uburyo bwo guteza imbere kurushaho imikorere isanzwe iriho y'amashyirahamwe, afite inararibonye mu kwita byumwihariko ku bimukira atanga kwitabwaho ku jyanwe numuco wabimukira yaba mu rugo cg mumazu yo kwitabwaho.
12. Gusanisha no gutanga mu buryo bukwiriye serivisi zisanzwe mu kwitabwaho kugirango hatangwe kwitabwaho mu buryo bwumwihariko ndetse bukwiriye bugendanye n'imico yabimukira, cyane cyane mu gutanga ibiryo no kwiyitaho (kwoga, kwita ku mubiri no ku misatsi).
13. Guteza imbere no gushyira mu bikorwa gahunda n'imikorere yagutse yo kurwanya irondaruhu munzego zisanzwe zitanga ubufasha, gukorana n'inzobere zisanzwe zihari mu gukemura ivangururu mu kwitabwaho rikiri mu bigo bishinzwe kwita kubimukira.

Izindi serivisi za leta (Zemewe n'amategeko) zigira ingaruka mu kwitabwaho:

14. Kwiyezeza gutanga amaszu kubimukira bakuze hitawe kubyo bakeneye, urugero, aho gutura hegereye umuryango wabo ndetse n'ubufasha bw'umuryango rusange ubegereye.

Gushimira

Iy ni incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi bw " Imipaka no kwitabwaho" bwakorewe mu kigo cya **Centre for Care** muri kaminuza ya Sheffield. Iki kigo cya "Centre for Care" ni ikigo cy'ubushakashatsi giterwa inkunga nikigo gishinzwe ubushakashatsi mu bukungu (ESRC) n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubushakashatsi mu buzima no kwitabwaho (NIHR).

Turashimira amashyirahamwe y'abaturage abiri yo muri Shegffield twakoranye, **SADACCA** na **Stand As One**. Ndashimira byumwihariko Sylvie Manga, Olivier Tsemo na Justin Espoir Machongo ku bufatanye bukomeje, kwiyezeza no kunsangiza inararibonye ryabo. Kubo muri SADACCA, turashimira kandi Daniel Douglas ku bufasha bukomeje. Kubo muri Stand As One, turashimira Aline Marora, Mitchel Dibogo, Chance Migabo, Ildephonse Hussein na Soleil Ruvimba ku nkunga itagereranywa mu gusobanura ururimi.

Turashimira byimazeyo abitabiriye muri ubu bushakashatsi ku mwanya wabo, imisanzu n'ibitekerezo.

Bwanyuma turashimira cyane abo dukorana mu kigo cya "Centre for Care" ku bufasha mu gihe cy'ubushakashatsi cyose, ndetse na **Nifty Fox Creative** ku buhanga bwabo bwatumye tubasha kubasangiza ibyavuye mubushakashatsi. Amakosa ari ariyo yose cyangwa ibyo twibagiwe biri kuri twe.

Kubindi bisobanuro, nyamuneka hamagara:

Dr. Jayanthi Lingham: J.T.Lingham@sheffield.ac.uk

Prof. Majella Kilkey: M.Kilkey@sheffield.ac.uk

Nyamuneka vuga iyi raporo nka: Lingham, J.T. hamwe na Kilkey, M. (2025). Ubwimukira n'uburenganzira bwo kwitabwaho: Ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe hejuru yubwimukira no kwitabwaho. Kaminuza ya Sheffield: Centre for Care. University of Sheffield: Centre for Care.



Abaterankunga bacu



Abafatanyabikorwa bacu

